/BS.B./CH.L./

C

9 AOUT 1961

1597/Rai.

TRANSMIS copie pour information à Monsieur le Préfet de KISENYI, sous couvert l'Administrateur de Territoire de KISENYI, en lui demandant de

1° faire remarquer aux signataires qu'ils doivent obligatoirement passer sous couvert du Préfet,

2° me fournir les renseignements sur les doléances des secrétaires communaux.

Kigali, le 9 AOUT 1961
Le Commissaire
CH. LEES.-

---

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KISENYI.-

/COPIE/

Kisenyi le 20 Juin 1961.
N° 1/1960-1961/OS.S.C.

OBJET: Salaire des Secrétaires communaux.

TRANSMIS copie pour information, à:
-Monsieur le Premier Ministre à KIGALI.
-L'Assemblée Législative du Rwanda.
-Monsieur le Préfet de la Préfecture Kisenyi

A Monsieur le Ministre de l'Intérieur.

Monsieur le Ministre,

Twebwe ba Secrétaires Communaux ba Préfecture ya Kisenyi, twifusaga ko mwerekeza ibitekerezo byanyu ku kababaro kacu.
Tubona ko buli secrétaire communal wese akenoye ibitunga umuryango we bya ngombwa nk' ibyabandi bakarani ba komine bamwe mwita receveurs-comptables.

Tubona ko mu ihembwa ryacu na bagenzi bacu hali akarengane kenshi! Biratangaje rwose kubona abantu bahuje umulimo umwe, kandi bakora ku buryo bumwe aliko igihe k'ihembwa bigatandukanywa!!

Urugero: Mu itangira za Komine, nitwe twali abakarani basoresha (Receveurs) ndetse kugeza n'ubu niko bikimeze kuli bamwo. Aliko ejo-bundi imishahara imaze kwongezwa: bati abitwa les Comptables nibo bahindutse ba receveurs, maze bagakorera amafranga 2.500 mu kwezi. Abandi bali basanzwe ali Receveurs bakitwa: les Secrétaires communaux, bagakorera mu kwezi 1.000-1300-1600-kugeza ku 1.800 aliko bakulikije amachuli buli muntu yize. Ibyo turumva ko mubihinduye ubu, kuki rero abo babaye ba receveurs ubu, alibo bafashe za rappels zacu, twe twakoze uwo mulimo mbere tukawutunganya ntitugire icyo tugawaho, ndetse bamwe bakaba bakiwukora na n'ubu, kuki tutabonye izo rappels twaruhiye ahubwo zikabonwa n'abatarasiruhiye?? Ngaho ga aho akarengane kagandiye!! Mbese kuki mu itangira twatangijwe umushahara kimwe, tugahembwa ku buryo, none ko tutibye, kuki muvuga ngo nidusubize?

Mbese mubona ko ayo mafranga twayabonye ntacyo twakose, cyangwa se n'ukuvuga ko twagawe ku mulimo twakoraga, none igihano kikaba alicyo kugarura amafranga twahembwe! Mbese ko twumva mwakulikiye amashuli, ntimukulikire ubushobozi cyangwa umuruho wa buli muntu. Kuki mwabigize kuli ba secrétaires aliko ntimwite no ku kindi gice. Urugero: abakarani babili muli komine banganyije amashuli, aliko umwe akitwa Receveur-Comptable undi Secrétaire C. kuki umwe yabona 2.500 Fr, undi akabona 1000-1300-1600-1800? Ibyo murabyumva ho iki? Yee, ko wumva iyo titre yo kuba Receveur aliyo itumye uwo abona amafrange menshi; kuki twe twayihoranye tutayihembewe, ahubwo abayibonye nyuma akaba alibo babonye ibyo bataruhiye? Aho murumva kandi ako karengane?

Babyeyi bacu, tubasabye gusuzuma ako karengane kacu, maze bishobotse mukadusubiza vuba uko bikwiye kumera.

Abakarani ba za Komine bo muli Préfecture ya Kisenyi.

| | | | |
|---|---|---|---|
| RWAMAKUBA P. | s/é RWAMAKUBA | SEMINIHA R. | s/é SEMINIHA |
| MUNYARUGERERO J. | s/é MUNYARUGERERO | NDABARINZE E. | s/é NDABARINZE |
| BASOMISHULI P. | s/é BASOMISHULI | NDENGEYINGOMA TH. | s/é NDENGEYINGOMA |
| BIRUSHYA J. | s/é BIRUSHYA | MBANZABUGABO P. | s/é MBANZABUGABO |
| MUHIGIRWA L. | s/é MUHIGIRWA | NGANIRE S. | s/é NGANIRE |
| ZIRAGUMA E. | s/é ZIRAGUMA | | |
| NTAWUSHOBORA J. | s/é NTAWUSHOBORA | | |
| ZIKAMA F. | s/é ZIKAMA | | |